# 49: Ibihe nseng' Uwiteka

1. Ibihe nseng' Uwiteka
   Bintarura mu mpagarara,
Ngo nigir' aho Data ari,
Muganyir' ibyo nkennye byose
Mu bihe by'umubabaro,
Bimpumuriz' umutima.
Nsind' ubukana bw'Umwanzi,
Mubihe byiza byo gusenga.

2. Ibihe nseng' Uwiteka
   Binyemeza yukw asubiza.
Ategerej' abana be,
Ngo bamusang' abakenure
Ndamwihereje rwos’ ubu
Kuko yampamagay' ubwe.
Niringiye bwa Buntu bwe:
Nogez' ibihe byo gusenga.

3. Guhora nseng' Uwiteka
   Kujye kummar' umubabaro,
Kugez' aho nzager' i We,
Mmwirebere ngeze mw ijuru,
Niyambuy' umubir’ upfa,
Nambaye kudapf' iteka;
Ubwo ni bwo nzasezera
Ku bihe byiza byo gusenga.

Visit us at burundi.indirimbo.com